PATRONAGE MURI PARUWASI YA KIBINGO

1. Patronage ni iki ?

Patronage ni ihuriro ry'abana cyangwa urubyiruko abakobwa n'abahungu bahuriye hamwe mu biruhuko cyangwa mu mpera z'icyumweru bagakora ibikorwa binyuranye harimo imikino inyuranye, gusubira mu masomo yabo, gusenga no gusangira ijambo ry'Imana, kuririmba. Habamo kandi n'amarushanwa anyuranye aho buri mwana agaragaza impano Imana yamuhaye,bityo abitwaye neza bakabona ibihembo. Muri paruwasi ya kibingo iyi patronage yaratangiye ku itariki ya 15 ugushyingo 2016, igasozwa kuwa 13 Mutarama 2017 ; ikaba yari ifite insanganyamansiko dusanga mu ivanjili yanditwe na Mariko aho Yezu abwira abigishwa be ati:« *Ni mureke abana bansange mwibabuza kuko ingoma y'Imana ari iy'abameze nka bo» (Mk 10:14).* Iyi patronage ikaba yarakozwe mu rwego rw'amatsinda y'abana, aho bahuriraga muri santarale zabo rimwe mu cyumweru.

2. Intego ya patronage i kibingo

Burya nibyo koko umwana apfa mu iterura niyo mpamvu kiliziya Gatorika by'umwihariko Diyosezi ya Nyundo igena itegaganya umupadiri cyangwa umufratri wita ku bana akabafasha gukura banogeye Imana n'abantu anabafasha kandi gusanga Yezu kuko ari nabo atanga ho urugero rw'abazanjira mu ngoma y'ijuru. Muri iyi patronage twibanze kugufasha abana Gukurana umuco, ubereye umwana w' umunyarwanda kandi w'umukristu gatorika. Patronage kandi yari igamije gufasha abana gusubira mu masomo yabo no kuruhuka neza batandagaye cyangwa ngo barambirwe. «*Yezu ati ndababwira ukuru umuntu wese utakira ingoma y'Imana nk'umwana ntazayinjiramo bibaho*» MK 10,15.

3. Ibikenerwa

Kugira ngo patronage igende neza hari iby'ingenzi biba bikenewe. Mu bijyane n'imikino hakenerwa imipira yo gukina, ni ukuvuga umupira w'amaguru (football) umupira w'intoki(volley ball) n' udutenesi duhagije. Hakenerwa kandi amakarita yo gukina, amagorori (billes) amafirimbi, n'ibindi. Nyuma y'ibikoresho hakenerwa kandi n'ibihembo byoroheje kugirango abagaragaje impano zabo' n'abitwaye neza mu masomo, mu mikino no mu bindi bintu binyuranye byaranze ihuriro ry'abana «patronage» babishimirwe.

a. Ibikoresho

CENTRALE	Umupira / Foot	Umupira/Volley	Utudenesi	Amakaritayo gukina	Billes	Imafuka	IFIRIMBI	amandazi
Kibingo	2	1	4	5	10	10	2	4
Fumba	2	1	4	4	10	10	1	4
Jarama	1	1	4	4	10	10	1	4

4. **Amasomo yatanzwe muri patronage**

1. Isengesho mu matsinda y'abana
2. Isengesho mu mirimo ya gitumwa ikorwa n'abana
3. Kwitangira abandi bana
4. Gukunda abandi bana no kubafasha
5. Tumenye, dukunde kandi dukorere kiliziya
6. Kwitoza gukorera Imana ukiri muto
7. Kiliziya n'iyogeza butumwa mu bana
8. Ubutumwa bw'abana muri kiliziya
9. Umwana w'umukristu mu rugo
10. Ninde abana bagomba gukorera
11. Umwana ukuze mu kwemera
12. Abana nabo ni abahamya ba Yezu Kristu wazutse
13. Ingero z'abana babaye abatagatifu.

5. **Uko yakozwe**

Iyi patronage yakorewe muri zasantari zose za paruwasi ya kibingo,uko ari eshatu. Umunsi umwe mu cyumweru, abana bagahurira kuri santarali. Santarari ya fumba tugahurira kuri santarali I fumba ku wa kabiri. Muri santarari ya Jarama tuzajya, kuri santarali kuwa gatatu, naho i kibingo tukahahurira kuwa gatanu. Buri santarari yihitiramo aba shyushyarugamba babishoboye. Patronage kandi ikaba yarshojwe hahembwa abana bose bayibabiriye cyane cyane abitwaye neza mamarushanwa yakozwe. Muri patronage habamo imikino myinshi inyuranye, bigendanye n'ubushobozi buhari. Twateganyaga ko haba: Umupira w'amaguru, Umupira w'intoki, Gukina udutenesi, udupira, Amakarita, Billes,

Ubumenyi rusange, Imbyino, Imivugo, Gushushanya, kugenga mu mifuka, kurya amandazi amanitse, gutwara bille ku kiyiko, N'ibindi. Imikino n'amarushanwa byose bikaba bishingiye ku nsanganyamatsiko imwe igira iti :«*Nimureke abana bansange mwibabuza kuko ingoma y'Imana ari iy'abameze nka bo» (Mk 10:14).* Patronage kandi ikaba yarashojwe hahembwa abana bose bayibatiriye cyane cyane abitwaye neza mamarushanwa yakozwe.

Dore ingengabihe yifashishijwe muri patronage

-8h00- 9hoo: Imikino

-9h00-9h30: Gushyushya

-9h30-10h30: Ishuri

-10h30-11h00: Gukina

-11h00-11h30: Inama, amatangazo, Gusezera.

Aha abana bari gushyushya.

Imikino n'amarushanwa byose bikaba bishingiye ku nsanganyamatsiko imwe igira iti :«*Nimureke abana bansange mwibabuza kuko ingoma y'Imana ari iy'abameze nka bo» (Mk 10:14).*

Aha abana bararushanwa mu kurya amandazi amanitse

Patronage kandi ikaba yarashojwe hahembwa abana bose bayibatiriye cyane cyane abitwaye neza mamarushanwa yakozwe

Aha abana bamaze guhabwa ibihembo.

Ubwitabire ku ma centrales

Centrale	Umubare w'abana
Fumba	135
Kibingo	117
Jarama	72
Total	324

Indirimbo za Patronage

Refrain: Patronage torero ryacu turakwishimiye
waziye igihe waje tugukeneye.

1. Iri torero ryacu ryizihiye Rurema,
   Turikesha abo yitoreye turabashima kandi tubasabira.
2. Tuzakwigiramo ubumenyi n'uburere bushingiye kuri
   Yezu kristu we mushumba w'intama.

NI MUREKE ABANA BANSANGE

1. Ni mureke abana bansange mwibabuza kuko
   Ingoma y'Imana ari iy'abameze nkabo.
   Refrain: Yezu ati nimunkunde nimunkundire,
   nimundebe nimundebereho
   Kuko ngira umutima utuza kandi nkoroshya
   nkagira impuhwe ngakunda abana bato.
2. Ndababwura ukuri umuntu wese utakira
   ingoma y'Imana nk'umwana ntazayinjiramo.

Mugusoza, ntitwabura kuvugako kubera ko iki gikorwa kitari kimenyerewe muri aka gace, dore ko higanjemo n'amadini menshi, patronage itahise yitabirwa, ariko uko iminsi yagiye isimburana bagiye bumva ibyiza byayo kuburyo bifuzako yahoraho. Ariko kandi nti twabura gushimira uko byagenze. Turashimira mbere na mbere Imana yo yaturemanye umutima uyishakashaka, tugashimira kandi Diyosezi na Paruwasi ya Kibingo by'umwihariko Padri Mukuru wayo uhora atugira inama kogirango byose bigenze neza mu murongo kiriziya

yifuza, turashimira kandi ama santarali yose, by'umwihariko abana uko bitabiriye, bashaka koko gukura banogeye Imana n'abantu kandi ubuzima bwabo bukarangwa n'isengesho. Ntitwabura kandi gushishikariza n'abataritabiriye kuko umwana utaritabiriye atandukanye cyane n'umwana wayitabiriye, kandi imbuto zirigaraza. «Yezu ati: ntawe ushobora kwinjira mu ngoma y'Imana atabaye nk'umwana muto» ni uko rero ni mureke abana basange Yezu kuko ingoma y'Imana ari iy'abameze nka bo.

Fratri Themistocles UFITIMANA stagiaire muri Paruwasi Kibingo